

Ihame ry'icungamutungo ku Ubutware



“Umukire ategeka umukene, Kandi uguza aba ari umugaragu w’umugurije.” Imigani 22:7

Byandistwe na rwiyemezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.

Ese nikangahe twumvishe interuro igira iti, “ ndashaka kwikorera maze nkigenga .” ? n’ igitekerezo cyiza, ariko nyamara iyo abantu batangiye kwikorera bageraho bakabona ko batigenga nk’uko bibwiraga...ni ukuvuga, niba koko bifuzwa kugera ku bisubizo. Ubusanzwe hari abatware bane—

1. Leta: Itegeko rya leta rizagorora ubucuruzi bwawe uko ishate, bityo ikwereke umutware uwari we. Nukorana umurava uaghirwa, izakurebana ubushishozi, maze ikongerere amabwiriza akugenga. Uretse ko Ishobora kwibeshya, gusa izahora ihari kugira ngo iguhe amabwiriza.

2. Abakiriya: bazagutegeka ibikorwa byawe, uko ubakira, kandi bazareba ko ubikorana umutima ukeye, ni ukuvuga, nuramuka ushoboye guhirwa.

3. Banki yawe cg uwakugujije: kuva rero uwasabye inguzanyo ari umukozi w’uwayitanze, aho ugomba kuba inyangamugayo kandi ukamwubaha kugira ngo akorohereze umwenda. Ntabwo azagira impuhwe ni uramuka usibye kwishyura ibyo umugomba.

4. Abakozi bawe: Aba bantu nibo usanga batanga ishusho y’uko ibintu bizamera haba guhirwa cg guhomba. Ntabwo ari abaretwa, uzabafata neza, bitihise ntabwo bazakurambaho.

Ubwo , kugira ubucuruzi bwawe rero ntabwo bivuze ko uba uri umutware wigenga, kuko ubucuruzi bukorera abantu n’ibyo bakenera.

Ubutware, ku rundi ruhande, bufite ibintu byiza bugira mu gihe twiyemeje kugenda inzira ikwiye.Hari impamvu nyinshi zidutera gushaka ubutware.

Urugero, bishobora kuba ubushake butangwa n’Imana. Imana yaravuze, “ Nahaye ikiremamuntu ubutware kuri byose; mwororoke maze muyobore isi” (Itangiriro 1:28). Twaremanywe ishakwe ryo kuyobora no gutwara. Umuntu yaremewe iyi si. Ni nkaho twavugaga ko imana yaranyeme ubucuruzi maze iha umuntu ubutware bwo kubuyobora. Mu guha umuntu ubutware imuha n’uburyo, yamuhaye n’umwete wo kubigeraho neza. Twaremwe mu ishusho y’imana n’ubwiza bwe, bityo n’imikorere yacu igomba gusa niyayo. Ubucuruzi ntabwo bujya bworoha, kuko tuba duhanganye n’abandi. Ibi bishobora kudutera imvururu n’amananza. Ni byiza rero yuko twafashanyaga maze tugashyiraho ihuriro rigenga ubucuruzi bwacu. Tugomba guhora dutekereza kuri bagenzi bacu, kuko nabo bifuzwa kuyobora.

Abantu bakora ubucuruzi bazi Imana usanga bishimiye inshingano ziboneka mu butware. Barabikunda, kandi usanga banyuzwe ndetse bishimiye gukora akazi. Kuko baba bafite umuhamagaru uva ku mana, nk’uko abashumba bahamagarwa gukora umurimo w’Imana. Ntibarambirwa, buzuye imbaraga, n’imyumvire ishishikaye. Ntabwo batinya ibibazo, kandi bafata ibyemezo bikomeye.Bafata Imana nk’inshuti yabo,

yabahaye impano, bityo bakajya hanze kuzamura iyo mpano imana yabahaye (Matayo 25:15).

Ibi usanga ubutware bubatera kunyurwa. Umusarura w’umurimo bakora ni umutungo.Abacuruzi buriya bameze nka solomo wahisemo guhabwa ubwenge bwo (kuyobora). Ubwo yari amaze kubona ubwenge, yungutse n’ubukire, icyubahiro hamwe n’izina. Uzitonde rero, kuko kunguka ubutware bisaba inshingano, bityo hakaba hari benshi batemera ubu buryo bw’ubutware . Usanga ahubwo ari ibisambo bakunda amafaranga kandi nta mpuhwe bagirira abandi. Barabeshya, bakariganya ndetse bakiba kugira ngo bagere ku cyo bifuzwa. Ariko nidukora ubucuruzi ku mpamvu zikwiye, tuhabonera umugisha. Ni nako Imana yabigenyeye.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy’umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibabazo byo kwibazaho:

Itandukanirwo riboneka ku bakire n’abakene ni uburyo bagena ubuzima bwabo.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw’ ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed